# 354: Man' ishobora byose

1.

Man' ishobora byose, Umv' uko nkwinginga : Umpishurire Yesu, Meny' ibyo yankoreye.

Ref:

Yarahemuwe Ku Musaraba: Mpumur' amaso, ndebe Kw ari jye yazize,

2.

Mbony' inkon' akubiswe N'amahwa yambaye; Mbonye na za mbereri N'umutim' ucumiswe.

3.

Yemeye kwiranguzaIgikombe kibi : Yakinyoye kubwanjye, Maz' amp' ubugingo bwe.

4.

Reb' uyu Mucunguzi Urupfu yapfuye Nta n'ikibi yakoze: Nuko sinzarimbuka !

5.

Ni jyewe yabambiwe,Uwamugomeye. Yesu, ndagushimiye : Non' uture muri jye.

6.

Yesu, we kunkundira Ko ngusigirira. Ku Musaraba wawe, Ni ho nkuy' ubugingo.

7.

Mana, ndagushimira K'utimanye Yesu, Ngw amfire nkiraniwe. Yewe, warankunze pe !

Visit us at indirimbo.com